IHURIRO RY' IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI
FORUM NATIONAL DE CONCERTATION DES FORMATIONS POLITIQUES
NATIONAL CONSULTATIVE FORUM OF POLITICAL ORGANIZATIONS

# ITANGAZO RY'IHURIRO RY'IGIHUGU NYUNGURANABITEKEREZO RY'IMITWE YA POLITIKI RISHIMIRA NYAKUBAHWA PEREZIDA WA REPUBULIKA PAUL KAGAME N'UBUYOBOZI BW'U RWANDA KU MIGENDEKERE MYIZA Y'INAMA YA CHOGM YABEREYE MU RWANDA MU KWEZI KWA KAMENA 2022

Inama Rusange y'Ihuriro ry'Igihugu Nyunguranabitekerezo ry'Imitwe ya Politiki yateranye tariki ya 30/06/2022, yashimiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika, Paul KAGAME n'ubuyobozi bw'u Rwanda muri rusange ku ruhare ntagereranywa mu migendekere myiza y'inama y'Abakuru b'Ibihugu na Guverinoma zo mu Muryango w'Ibihugu bikoresha icyongereza ( CHOGM); yabereye mu Rwanda kuva ku itariki ya 20 kugera ku ya 25 Kamena 2022; no kuba Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda yaratorewe kuyobora uyu muryango mu gihe cy'imyaka ibiri (2) iri imbere, kuva mu 2022 kugeza mu 2024.

Nk'uko byagaragariye buri wese, baba abayitabiriye, n'Abanyarwanda muri rusange, biboneye ibikorwa binyuranye byaranze iyi nama, imitegurire yayo yabaye ntamakemwa: yateguranywe ubuhanga, ubushishozi n'ubufatanye bw'inzego zose.

Inama Rusange yashimye kandi ko n'abitabiriye iyi nama bashimye uko bakiriwe mu Gihugu cy'u Rwanda n'uko imyanzuro yayifatiwemo ifasha abanyamuryango ba CHOGM gukomeza guteza imbere ubufatanye.

Imitwe ya Politiki igize Ihuriro ishyigikiye Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME muri izi nshingano nshya yatorewe kandi imwifurije kuzuzuza neza.

Bikorewe I Kigali, tariki ya 30 Kamena 2022.

**Senateri UMUHIRE Adrie**
**Umuvugizi w'Ihuriro**

Email: info@forumfp.org.rw B.P: 7459 Kigali / Rwanda Website: http://www.forumfp.org.rw/